Kigali, Taliki ya

Minisiteri y'Urubyiruko,
09/04/1999
Umuco, Siporo no
Kwigisha Imyuga Iciriritse
Programu y'Ubuzima
Bwiza bw'Urubyiruko
B.P:1044 Kigali

A traiter par ..............
Date entrée : 16/4/99
N° Classement : 40/21

Bwana Minisitiri wa
MIJESCAFOP,

IMPAMVU: RAPORO

Bwana Minisitiri ,

Tubandikiye tubamenyesha Gahunda y'ibikorwa dufite mu Ngando ya Rugende byo kwigisha abana 100 bari mu Ngando kubyerekeranye n'Ubuzima bwiza no kubagira inama,ndetse no kubapima agakokoka Sida na Sphilis.

Bwana Minisitiri nkuko muri bubibone ku mugereka,abana bo mu Ngando ya Rugende bamaze kwigishwa no gusobanukirwa n'ububi bwa Sida na Sphilis, basabye kwipimisha.

Ubwo twiyambaje PNLS na CRIS na PSI Tukaba rero tuzafatanya gukora ako kazi kuva taliki ya 12 kugeza taliki 30 Mata 1999.

Bishobotse mwaduteganyiriza imodoka izadufasha gukora ako kazi,ku buryo yajya itugezayo ikagaruka kudutora akazi karangiye ni mugoroba .

Ubundi uko bizagenda n'uko ku munsi wa mbere tuzasobanurira abana bose bari mu Ngando ku kibazo cyo kwipimisha,hanyuma indi minsi ine ikurikira abakozi ba CRIS ,MIJESCAFOP,na PNLS bazajya basobanurira abantu 25 buri munsi kandi banababapime VIH /Sida na Sphilis. Ibisubizo by'ibizami bya amaraso bizatangwa mu kindi cyumweru gikurikira.Naho bazabanza kubasobanurir buri muntu umwe umwe.Ako kazi nako kazafata icyumweru.

Murakoze.

Umuhuazbikorwa wa Programu
y'Ubuzima Bwiza bw'Urubyiruko

***Musemakweli Jean***

**IMIGEREKA :**

1) Raporo y'Inyigisho y'Ubuzima by'Urubyiruko kubyerekeye indwara zandurira mu mibonano mpuzabitsina zigafata imyanya ndangabitsina
2) Raporo y'imibonano y'Umuhuzabikorwa wa Programu y'Ubuzima bwiza by'Urubyiruko n'umuyobozi wa PNLS n 'Umuhuzabikorwa wa CRIS.

**Bimenyeshejwe:**

- Umunyamabanga Mukuru muri MIJESCAFOP
- ✓-Abayobozi baza deparitoma zose muri MIJESCAFOP
- -Abahuzabikorwa b'Imishinga yose ya MIJESCAFOP
- -UJYANAMA wa Programu y'Ubuzima bwiza bw'Urubyiruko
- Umuyobozi wa PNLS
- -Umuhuzabikorwa wa CRIS (Centre Rwandais d'Information sur le Sida)
- Uhagarariye PSI mu RWANDA

Kigali, Taliki ya 01 Mata 1999

**Raporo y'Ibikorwa byo kwigisha kwirinda indwara zandurira mu mibonano mpuza bitsina mu Ngando ya Rugende kw'Italiki ya 31 Werurwe 1999.**

Kwitaliki ya 31 werurwe,

Programu y'ubuzima bwiza bw'Urubyiruko muri MIJESCAFOP yatanze inyigisho kubana 100 bari mu Ngando ya rugende.

Izo nyigisho zibanze kuribi bikurikira :

1. Imitezi
2. Mburugu
3. Uburagaza
4. Inda zo mu maberabero
5. Tricomonas
6. Isharankima
7. Chlaramidiya
8. Herpesi
9. Kandidoze
10. VIH/ SIDA

Higishijwe n'uburyo bwo kwirinda inda zindaro , ibibazo bijyanye n'irondoka) ibiyobyabwenge itabi no Gusabikwa n'inzoga.
Ayo masomoyatanzwe na bwana Musemakweli Jean mu Ngando ya Rugende aho abakora ingando bacumbitse , muri Komini Bicumbi.

Abahawe amasomo barayashimye basabako kugirango binjire mu nzira y'amajyambere arambye bakeneye kuba bazi neza uko umubiri wabo umeze,cyane basabye kwipimisha Sida ndetse n'izindi ndwara zandurira mu mibonano mpuza bitsina.

Umuhuza bikorwa wa Programu y'Ubuzima bwiza bw'Urubyiruko yahise abemerera ko azakorana na CRIS ( Centre Rwandais d'Informations su le Sida ) izaza kubigisha no kubapima Sida na Sphilis.
Ibyo bikazakorwa kuva taliki ya 12 kugeza taliki 16 Mata mu w'1999.

Abari mu Ngando ya Rugende banasabyeko bazongera bakabona izindi nyigisho z'ubuzima mbere y'uko basubira iwabo.Aliko ibyo bizava uko umwanya uzaba ubonetse.

Umuhuzabikorwa wa Programu
y'Ubuzima bwiza bw'Urubyiruko.
***Musemakweli Jean***

Kigali, taliki ya 02/04/1999

**Raporo y'akazi nagiyemo muri PNLS na CRIS.**

Nyuma yo kwigisha mu Ngando ya Rugende , abanyeshuli basabye gupimishwa.

Hanyuma nagiye muri PNLS tariki ya 2 Mata kubonana na Directeur wa PNLS , Anyemerera ko abo bana ijana (100) bari mu NGANDO ya Rugende bazabigisha, barangiza ba kabapima SIDA na Syphilis. Ibyo bizakorwa kuva kw'italiki ya 12 Mata kugeza taliki ya 16 Mata 1999.

Aliko kuberako abazabikora ar' arabo muri CRIS( Centre Rwandais d'informations sur le SIDA) ubwo na gombye kubonana na Cécile NDOLI responsable wa CRIS, nawe anyemerera ko bizakorwa ndetse dushobora kuzakomezanya iyo Gahunda ahandi Urubyiruko ruzaba rwerekanye ko rukeneye kwipimisha.

**GAHUNDA UKO ITEYE:**

| UMUNSI | AKAZI | ABAKOZI |
|---|---|---|
| ku wa mbere taliki ya 12/04/99 | kwigisha abantu 100 muri rusange bari mu Ngando ya Rugende | CRIS ( Consellers ,infirmers) |
| Kuwa kabiri taliki ya 13/04/1999 | Kugira inama abana 25 bari mu Ngando ya Rugende kandi bagapimwa Sida na Sphilis | CRIS / PNLS /Programme Santé des Jeunes/ MIJESCAFOP |
| Kuwa Gatatu taliki ya 14/04/1999 | Kugira inama abandi bana 25 bari mu Ngando ya Rugende no kubafata amaraso no kubapima SIDA na sphilis | CRIS / PNLS / Programme Santé des Jeunes /MIJESCAFOP |
| Kuwa kane taliki ya 15/04/1999 | Kugira inama no gupima abandi bana 25 bari mu Ngando ya Rugende | CRIS / PNLS / Programme Santé des Jeunes MIJESCAFOP |
| Kuwa gatanu taliki ya 16/04/1999 | Kugira inama no gupima VIH/Sida na Sphilis abana 25 bari mu ngando ya Rugende | CRIS / PNLS /Programme Santé des Jeunes/ MIJESCAFOP- |

**N.B:-Hazerekanwa:**

- Ugirimana agira umugiri inama
- Rimwe gusa
- Film ya Fil Rutaya
- Hitamo Igikwiye

Umuhuzabikorwa wa Programu
y'ubuzima bwiza bw'Urubyiruko
***Musemakweli Jean***